

Ingamba zerekeye fagitire ihabwa umurwayi n'ibyo kwishyuzwa

Izi ngamba zikurikizwa ku bitaro bikurikira:

Big Rapids (Mecosta County Medical Center), Continuing Care, Corporate, Gerber (Newaygo County General Hospital Association), Ludington (Memorial Medical Center of West Michigan), Outpatient/Physician Practices, Pennock (Pennock Hospital), Reed City (Reed City Hospital Corporation), SH GR Hospitals (Spectrum Health Hospitals), SHMG, Spectrum Health Lakeland (Lakeland Community Hospital Watervliet; Lakeland Hospitals at Niles and St. Joseph Inc.), United/Kelsey (Spectrum Health United; Spectrum Health Kelsey Hospital), Zeeland (Zeeland Community Hospital)

Abo bireba bagarukira gusa kuri: Ntibikurikizwa

Nomero yifashishwa #: 13636

Verisiyo ya #: 4

Amatariki bizatangira gukurikizwaho: 02/01/2021

Aho bireba: Imari, uko w'amafaranga yinjizwa

Ishami bireba: Ibiro bishinzwe guha fagitire ibigo (CBO), Imari, Patient Access, Serivisi z'imari zigenewe umurwayi (PFS)

Itangazo ryo kutavangura: Spectrum Health yubahiriza amategeko ya leta arengera uburenganzira bwa muntu kandi ntabwo ikora ivangura ishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, igihugu umuntu akomokamo, imyaka, ubumuga cyangwa igistina. Spectrum Health ntabwo iheza abantu cyangwa ngo ibafate ku buryo butandukanye kubera ubwoko, ibara ry'uruhu, igihugu umuntu akomokamo, imyaka, ubumuga cyangwa igitsina. Reba [Umugereka wa A](#) ureba itangazo ryuzuye ryo kwamagana ivangura ndetse n'imibonekere y'ubufasha bw'ururimi.

1. Ikigamijwe

1.1. Kugira ngo haharanirwe ko gufata mu buryo butabogamye kandi bungana abarwayi bose hakurikijwe Ingamba zerekeye fagitire ihabwa umurwayi n'ibyo kwishyuzwa amafaranga abarwayi bagomba kwishyura Spectrum Health cyangwa ibigo biyishamikiyeho ("Spectrum Health"). Bityo, Spectrum Health ntabwo ikora ibikorwa byo kwishyuzwa birenze yishyuzwa umuntu ku giti cye kugira ngo ibone ubwishyu bw'ubuvuzi mbere yo gukora ibikorwa byumvikana hamenyekana niba uwo muntu yujuje ibisabwa kugira ngo ahabwe ubufasha hakurikijwe [Ingamba zigena ibigenderwaho harebwa abujuje ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga](#).

2. Ibosobanuro by'amagambo

2.1. Ibisanzweho: Amafaranga umurwayi agomba kwishyura agomba kwishyuzwa na Spectrum Health cyangwa iki cyahawe inshingano akaba atarishyuwe yose uko yakabaye cyangwa akaba yariyandikishije muri gahunda yo kwishyura yumvikanyweho nyuma y'aho kwishyuzwa ikigo bikoze na Spectrum Health cyangwa undi wahawe inshingano.

2.2. Ibikorwa byo kwishyuzwa bidasanze ("ECA"): Ibyo bikorwa birimo gutangira ikirego, gufata umushahara w'umurwayi ushingiyeye ku byemezo by'urukiko.

2.3. Umwishingizi: Umuntu wishingira kwishyura serivisi umurwayi yahawe na Spectrum Health.

- 2.4. Umurwayi: Umuntu ku giti cye uhabwa serivisi na Spectrum Health cyangwa ibigo biyishamikiyeho (“Spectrum Health”).
- 2.5. Amafaranga agomba kwishyurwa n'umurwayi: Amafaranga yose asigaye agomba kwishyurwa ni inshingano z'umurwayi cyangwa umwishingizi we. Harimo amafaranga asigaye atishingiwe, kwishyura ufatanyije n'ikigo cy'ubwishingizi, amafaranga akatwa, gufatanya kwishyura ubwishingizi hagati y'umukoresha n'umukozi, serivisi zitishingiwe n'amafaranga asigaye agomba kwishyurwa nyuma y'aho ubwishingizi bwishyuriye afatwa ko yishyurwa n'umurwayi/umwishingizi.
- 2.6. Undi utanga seivisi zo kwishyura: Ikigo cyahawe amasezerano yo kwishyura umurwayi amafaranga agomba kwishyurwa ku buryo busanzwe kikabikora mu izina rya Spectrum Health ariko kigakora ibyo bikorwa byo kwishyura mu izina ryacyo hakurikijwe amategeko n'amabwira byose by'igihugu, leta n'akarere.

3. Inshingano

- 3.1. Ingamba zerekeye fagitire ihabwa umurwayi n'ibyo kwishyura zitangwa ku buryo buboneye n'umukozi ubishinzwe ukorera Spectrum Health nk'uko bigaragara mu mabwiriza azigenga.

4. Kubahiriza ingamba

- 4.1. Kurenga kuri izi ngamba bikoze n'umukozi uwo ari we wese ukorera Spectrum Health bishobora gutuma afatirwa ibihano byo mu rwego rw'imyitwarire.

5. Ingamba

- 5.1. Spectrum Health ikorana n'abarwayi cyangwa abishingizi n'ikigo cyabihereye uburenganzira uko ari ngombwa kugira ngo hagenwe ku buryo buboneye kandi hafatwe imyanzuro iboneye ku mafaranga asigaye umurwayi agomba kwishyura. Amafaranga asigaye umurwayi agomba kwishyura yishyurwa hakurikijwe izi Ngamba.

5.1.1. Abarwayi bapfuye: Twihanganishije umuryango w'umurwayi wapfuye muri ibi bihe bitoroshye uri kunyuramo bikaba ari byo Spectrum Health iha agaciro. Spectrum Health imenya kandi igakemura amafaranga asigaye umurwayi agomba kwishyura nk'uko bigaragazwa mu [Mafaranga asigaye agomba kwishyurwa n'umurwayi igihe umurwayi arwaye cyangwa Amabwiriza agenga umwishingizi](#). Nk'uko byagaragajwe muri aya mabwiriza, Spectrum Health ikoresha amakuru rusange kugira ngo igenzwe itariki yafiriyeho, isuzume niba yemerewe guhabwa ubufasha bw'amafaranga, ubwishingizi bwa Medicaid kandi inashobora gusuzuma niba yatanga ikirego kugira ngo yishyurwe amafaranga avuye mu mitungo ya nyakwigendera.

5.1.2. Abarwayi badashobora kwishyura imyenda: Spectrum Health yubahiriza amategeko akubiye mu Gitabo cy'amategeko arengera abananiwe kwishyura imyenda muri Amerika. Bityo, Spectrum Health imenya kandi igakemura iby'amafaranga asigaye umurwayi agomba kwishyura igihe uwo umurwayi atabasha kwishyura imyenda nk'uko bigaragazwa mu [Mabwiriza agenga ibyo kwishyura amafaranga yari asigaye igihe umurwayi atabashavkwishyura imyenda](#). Ibikorwa byo kwishyura no gutanga fagitire bireka gukorwa mu gihe hamenyeshajwe ko umurwayi atabasha kwishyura imyenda ku matariki yose yahereweho serivisi zatanze muri dosiye igaragaza ko atabasha kwishyura imyenda. Spectrum Health ikurikirana iburanisha ry'urubanza rwo kutabasha kwishyura imyenda kugeza dosiye yo kutabasha kwishyura imyenda ipfundikiwe cyangwa yanze kwakirwa.

5.1.3. Abarwayi bakeneye ubufasha bw'amafaranga: Spectrum Health ifite uburyo bwo gutanga ubufasha bw'amafaranga bugahabwa abarwayi bafite amafaranga bagomba kwishyura hakurikijwe [Ingamba zigena ibigenderwaho harebwa abujije ibisabwa ngo](#)

[bahabwe ubufasha bw'amafaranga.](#)

5.1.3.1. Abarwayi cyangwa abishingizi bamenyeshwa iby'Ingamba zigenga ubufasha bw'amafaranga mu nyandiko nk'uko byasobanuwe mu mabwiriza abigenga. Spectrum Health yemera ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga iyo hari make wishyuye mu gihe cy'ibikorwa byo kwishyura ikigo ndetse n'igihe bishyikirijwe ikigo gishinzwe kwishyura mu gihe gito cy'iminsi magana abiri mironko ine (240) uhereye ku itariki inyandiko ikubiyemo fagitire ya mbere yahawe umurwayi amaze gusezererwa (“Igihe cy'ubusabe”).

5.1.3.1.1. Gutanga ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga bwuzuye.

- Iyo umurwayi cyangwa umwishingizi atanze ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga bwuzuye mu gihe cyo gusaba, Spectrum Health:
 - Ihagarika ibikorwa byose byo kwishyura bidasanzwe
 - Igafata icyemezo harebwa kuzuza ibisabwa niba umurwayi yujuje ibisabwa kugira ngo ahabwe ubufasha bw'amafaranga no kumenyeshya umurwayi cyangwa umwishingizi mu nyandiko iby'icyemezo kijyanye n'ubwemererwe (harimo, iyo bikurikizwa, ubufasha buhabwa umurwayi bitewe n'ibyo yujuje bisabwa) n'icyo icyemezo cyashingiyeho.
 - Iyo bigaragaye ko umurwayi yujuje ibisabwa kugira ngo ahabwe ubufasha bw'amafaranga maze avurwe, Spectrum Health:
 - Iha imenyeshya ryanditse umurwayi cyangwa umwishingizi ririmo umwenda w'amafaranga umurwayi cyangwa umwishingizi arimo hakurikijwe [Ingamba zigena ibigenderwaho harebwa abujuje ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga](#);
 - Gusubiza umuntu ku giti cye amafaranga yishyuye ku buvuzi arenga amafaranga yagenwe ko agomba kwishyura ku giti cye hakurikijwe [Ingamba zigena ibigenderwaho harebwa abujuje ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga](#), keretse ayo mafaranga arengaho atageze kuri \$5 (cyangwa andi mafaranga yatangajwe mu Kinyamakuru gikubiyemo amafaranga yinjizwa n'ikigo);
 - Gufata ingamba zose ziboneye kugira ngo hahindurwe ibikorwa byo kwishyura bidasanzwe bakorewe umurwayi cyangwa umwishingizi kugira ngo abone amafaranga yo kuvurwa.

5.1.3.1.2. Gutanga ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga butuzuye.

- Iyo umuntu ku giti cye atanze ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga butuzuye mu gihe cyo gusaba, Spectrum Health:
 - Ihagarika ibikorwa byo kwishyura bidasanzwe byo kwishyura amafaranga yivurijeho;
 - Guha umuntu ku giti cye itangazo ryanditse risobanura andi makuru cyangwa inyandiko zisabwa hakurikijwe [Ingamba zigena ibigenderwaho harebwa](#)

[abujuje ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga](#) cyangwa ifishi yo gusaba ubufasha bw'amafaranga igomba koherezwa kugira ngo huzuzwe ubusabe kandi ayo makuru cyangwa inyandiko bikaba bigomba kwakirwa mu minsi (30) uhereye ku itariki itangazo ryandikiweho cyangwa ubusabe bukangwa maze igikorwa cyo kwishyura kigakomeza.

- Iri tangazo rigomba kuba ririmo aderesi za Spectrum Health.
- Niba andi makuru cyangwa inyandiko byakiriwe nyuma kandi bikaba bikozwe mu gihe cyo gusaba, ubwo busabe bushobora gusuzumwa kugira ngo hatangwe ubufasha bw'amafaranga naho igikorwa cyo kwishyura kikaba gihagaze kugeza hafashwe icyemezo.

5.1.3.1.3. Iyo udatanze ubusabe bw'ubufasha bw'amafaranga.

- Iyo nta busabe bw'ubufasha bw'amafaranga bwatanze mu gihe cyo gusaba, ubwo Spectrum Health ishobora gutangiza ibikorwa byo kwishyura bidasanze kugira ngo yishyurirwe ubuvuzi yatanze igihe imaze kumenyesha uwo muntu ibyerekeye [Ingamba zigena ibigenderwaho harebwa abujuje ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga](#) nk'uko byasobanuwe muri iyi nyandiko.

5.1.4. Iyahindurwa ku barwayi badafite ubwishingizi: Haseguriwe ikindi cyose kijyanye n'izi ngamba, serivisi z'ibitaro zahawe abarwayi badafite ubwishingizi binjiza amafaranga ku mwaka atageze cyangwa angana na 250% by'ibipimo by'ubukene ku rwego rw'igihugu (FPG) kandi baka batujuje ibisabwa n'[Ingamba zigena ibigenderwaho harebwa abujuje ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga](#), Spectrum Health igomba kugira ibyo ihindura ku mafaranga yishyura izo serivisi bitarenze ku rugero rwa 115% rw'ibiciro by'ubwishingizi bwa Medicare kuri serivisi zimwe cyangwa bisa. Kwishyura ayo mafaranga yahinduwe bifatwa nko kwishyura amafaranga yose ya serivisi.

5.1.5. Uburyo bwo kwishyura: Spectrum Health isobanura kandi igatanga uburyo bwo kwishyura buboneka ku murwayi cyangwa umwishingizi hamwe n'amafaranga agomba kwishyurwa n'umurwayi kugira ngo bitume umurwayi cyangwa umwishingizi kugira ngo yishyure amafaranga asigaye nk'uko bisobanurwa mu [Mafaranga agomba kwishyurwa n'umurwayi Uburyo bwo kwishyurwa](#). Amahitamo arimo kwishyura amafaranga yose uko yakabaye, kugabanyirizwa amafaranga na gahunda zo kwishyura zzagutse.

5.1.6. Kwishyura: Niba amafaranga asigaye agomba kwishyurwa n'umurwayi agisigaye nyuma y'amahitamo yose yashyizweho mu 5.1.1-5.1.5 yavuzwe haruguru yishyurwe yose, ubwo Spectrum Health ishobora guha ikindi kigo uburenganzira bwo kwishyura amafaranga agomba kwishyurwa n'umurwayi nk'uko byasobanuwe mu Mabwiriza agenga amafaranga agomba kwishyurwa n'umurwayi no kwishyura. Byibuze inyandiko eshatu (3) za fagitire zigomba koherezwa umurwayi cyangwa umwishingizi mbere y'uko bishyikirizwa ahandi.

5.1.6.1. Spectrum Health ntabwo itanga uburenganzira bw'uko ibikorwa byo kwishyura bidasanze ibaho mu minsi mirongo itatu (30) yo koherezwa ikindi kigo gitanga serivisi zo kwishyura.

5.1.6.2. Spectrum Health ntabwo ikorera ibikorwa byo kwishyura bidasanze umurwayi cyangwa umwishingizi nta gikora ibikwiye kugira ngo imenye niba umurwayi yujuje ibisabwa hakurikijwe [Ingamba zigena ibigenderwaho harebwa abujuje ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga](#). By'umwihariko, niba Spectrum Health igamije

gukora ibikorwa byo kwishyuzwa bidasanze, bibaho byibuzwe mu minsi mirongo itatu (30) mbere yo kubanza gutangiza igikorwa kimwe cyangwa byinshi by'ibikorwa byo kwishyuzwa bidasanze:

- Spectrum Health imenyeshya mu nyandiko umurwayi cyangwa umwishingizi ko ubufasha bw'amafaranga buboneka ku bantu ku giti cyabo bujije ibisabwa kandi imenya ibikorwa byo kwishyuzwa bidasanze bya Spectrum Health (cyangwa by'ikigo gishinzwe kwishyuzwa) bigamije gutangirwa kugira ngo ibone ubwishyu.
- Spectrum Health ikora ibishoboka byose kgira ngo imenyeshye mu magambo umurwayi ibyerekeye [Ingamba zigana ibigenderwaho harebwa abujije ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga](#) ni uko umurwayi cyangwa umwishingizi bashobora kubona ubufasha bakoresheje igikorwa cyo gusaba.

5.1.7. Kugarura inyandiko hakoreshejwe imeyiri: Kugarura inyandiko hakoreshejwe imeyiri bikorwa hakoreshejwe ububiko bw'amakuru bwa USPS kandi ikosora rikorwa uko biboneye. Ni inshingano z'umwishingizi gutanga aderesi yoherezwaho amabarurwa igezweho mu gihe ari guhabwa serivisi cyangwa yimutse. Iyo uwo muntu adafite aderesi yemewe, Spectrum Health ikora ku buryo hagirwa igikorwa ku buryo bushoboka.

6. Ivugurura

Spectrum Health yihariye uburenganzira bwo guhindura gushyiramo ingingo nshya, kuvugurura ingingo, guhindura cyangwa kuvanaho izi ngamba igihe cyose itabanje kubimenyeshya mu itangazo ryanditse.

7. Ububasha ndakuka

Ububasha ndakuka bwo kumenya niba Spectrum Health yakoze ibikorwa bikwiye kugira ngo imenye niba umurwayi yujuje ibisabwa ngo ahabwe ubufasha hakurikikijwe [Ingamba zigana ibigenderwaho harebwa abujije ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga](#) kandi ishobora gukorera ibikorwa byo kwishyuzwa bidasanze umurwayi cyangwa umwishingizi bigashyirwa mu maboko ya Visi Perezida mukuru, amafaranga yinjizwa cyangwa uwo ashyizeho.

8. Numero yifashishwa

[Ingamba zigena ibigenderwaho harebwa abujije ibisabwa ngo bahabwe ubufasha bw'amafaranga](#)
[Amafaranga asigaye agomba kwishyurwa n'umurwayi igihe umurwayi arwaye](#)
[Amabwiriza agenga ibyo kwishyura amafaranga yari asigaye igihe umurwayi atabashak wishyura imyenda](#)
[Amabwiriza agenga uburyo bwo kwishyura ku murwayi urimo amafaranga](#)

9. Gutegura no kwemeza ingamba

Nyir'inyandiko:

Mary Jo Klobucher (Umukozi wungirije ushinzwe inzego za leta)

Abanditsi (bahoze ari abandika):

Crystal Lang (Umuyobozi w'ishami rishinzwe guha fagitire ibigo)

Abakosoye inyandiko:

Amy Assenmacher (Visi Perezida mukuru, Ushinzwe amafaranga yinjizwa), Courtney Guernsey (Nyakubahwa, Ushinzwe serivisi z'amafaranga atangwa n'abarwayi), Matthew Cox (Visi Perezida mukuru, Umuyobozi mukuru ushinzwe imari), Sarah Clark (Umuyobozi mukuru, Umujyanama mu by'imari), Steffany Dunker (Umujyanama mu by'imicungire)

Uwabyemeje:

Christina Freese Decker (Perezida n'umuyobozi mukuru)

Umugereka wa A

Itangazo ryo kutavangura:

Spectrum Health yubahiriza amategeko ya leta arengera uburenganzira bwa muntu kandi ntabwo ikora ivangura ishingiyeye ku bwoko, ibara ry'uruho, igihugu umuntu akomokamo, imyaka, ubumuga cyangwa igistina. Spectrum Health ntabwo iheza abantu cyangwa ngo ibafate ku buryo butandukanye kubera ubwoko, ibara ry'uruho, igihugu umuntu akomokamo, imyaka, ubumuga cyangwa igistina.

Spectrum Health:

- Itanga ubufasha na serivisi by'ubuntu ikabuha abantu bafite ubumuga kugira ngo ibavugane neza natwe nk':
 - Abasemuzi b'indimi z'amarenga babifitiye ibyangombwa
 - Amakuru yanditse mu yindi miterere (inyuguti nini, amajwi, inyandiko ziboneka mu buryo bw'ikoranabuhanga, indi myandikire)
- Itanga serivisi z'indimi z'ubuntu ku bantu ururimi rwabo bwa mbere atari icyongereza nk':
 - Abasemuzi babifite icyemezo
 - Amakuru yanditswe mu izindi ndimi

Niba ukeneye izi serivisi, bimenyeshe Serivisi z'ururimi za Spectrum Health kuri: 616.267.9701 cyangwa 1.844.359.1607 (TTY:711)

Niba utekereza ko Spectrum Health yananiwe kuguha izo serivisi cyangwa habayeho ivangura hashingiwe ku bwoko, ibara ry'uruho, igihugu ukomokamo, imyaka, ubumuga cyangwa igistina ushobora gushyikiriza ikirego cyo kutishimira serivisi:

Director, Patient Experience
100 Michigan St NE, MC 006
Grand Rapids, MI 49503
616-391-2624; umurongo wa telefone utishyurwa: 1-855-613-2262
patient.relations@spectrumhealth.org

Ushobora gutanga ikirego cyo kutishimira serivisi ubwawe cyangwa ukoresheje iposita, fagisi cyangwa imeyiri. Niba ukeneye gutanga ikirego cyo kutishimira serivisi, Umuyobozi ushinze imikoranire n'abarwayi arahari kugira ngo agufashe.

Unashobora gutanga ikireho cyerekeye uburenganzira bwa muntu mu Ishami rishinzwe ubuzima na serivisi zibabwa abaturage, Ibiro bishinzwe uburenganzira bwa muntu ukoresheje ikoranabuhanga ku rubuga rutangirwaho ibirego bishyikirizwa Ibiro bishinzwe uburenganzira bwa muntu ruboneka kuri <https://ocrportal.hhs.gov/ocr/portal/lobby.jsf>, cyangwa ukoresheje iposita cyangwa telefone kuri:

Ishami rishinzwe ubuzima na serivisi zihabwa abaturage
200 Independence Avenue SW, Room 509F, HHH Building
Washington, DC 20201
1-800-368-1019, 800-537-7697 (TDD).

Amafishi atangirwaho ibirego aboneka kuri <http://www.hhs.gov/ocr/office/file/index.html>.

Contact Us

Español (Spanish)

ATENCIÓN: Si usted habla español, tiene a su disposición servicios gratuitos de asistencia lingüística.

Llame al 1-844-359-1607 (TTY: 711).

العربية (Arabic)

ملحوظة: إذا كنت تتحدث اذكر اللغة، فإن خدمات المساعدة اللغوية تتوافر لك بالمجان. اتصل برقم 1-844-359-1607 (رقم هاتف الصم والبكم: 711).

中文 (Chinese): 國語/普通話 (Mandarin), 粵語 (Cantonese)

請注意：如果您講中文，你可以獲得免費的語言輔助服務。請撥打1-844-359-1607（TTY 手語翻譯：711）。

Tiếng Việt (Vietnamese)

CHÚ Ý: Nếu bạn nói Tiếng Việt, có các dịch vụ hỗ trợ ngôn ngữ miễn phí dành cho bạn. Gọi số 1-844-359-1607 (TTY: 711).

Ako govorite srpsko (Serbian, Croatian or Bosnian)

OBAVJEŠTENJE: Ako govorite srpsko-hrvatski, usluge jezičke pomoći dostupne su vam besplatno. Nazovite 1-844-359-1607 (TTY: 711). (TTY- Telefon za osobe sa oštećenim govorom ili sluhom: 711).

አማርኛ (Amharic)

ማስታወሻ: የሚናገሩት ቋንቋ አማርኛ ከሆነ የትርጉም እርዳታ ድርጅቶች፣ በነጻ ሊያግዝዎት ተዘጋጅተዋል፡ ወደ ሚክተለው ቁጥር ይደውሉ

1-844-359-1607. (መስማት ለተሳናቸው: (TTY: 711).

नेपाली (Nepali)

ध्यान दिनुहोस्: तपाईंले नेपाली बोल्नुहुन्छ भने तपाईंको निम्ति भाषा सहायता सेवाहरू निःशुल्क रूपमा उपलब्ध छ । फोन गर्नुहोस् 1-844-359-1607 (टिडिवाइ: (TTY: 711).

Thuɔŋjaŋ (Nilotic – Dinka)

PID KENE: Na ye jam në Thuɔŋjaŋ, ke kuony yenë kɔc waar thook atö kuka lëu yök abac ke cïn wënh cuatë piny. Yuɔpë 1-844-359-1607 (TTY: 711).

Kiswahili (Swahili)

KUMBUKA: Ikiwa unazungumza Kiswahili, unaweza kupata, huduma za lugha, bila malipo. Piga simu 1-844-359-1607 (TTY: 711).

فارسی (Farsi)

توجه: اگر به زبان فارسی گفتگو می کنید، تسهیلات زبانی بصورت رایگان برای شما فراهم می باشد. با 1.844-359-1607 (TTY: 711) تماس بگیرید.

Français (French)

ATTENTION: Si vous parlez français, des services d'aide linguistique-vous sont proposés gratuitement.

Appelez le 1.844-359-1607 (TTY: 711).

(Burmese)

အသိပေးခြင်း

သင်ပြောသော ဘာသာစကားကို အခမဲ့ ဘာသာပြန် ရှိပါသည်။ ဖုန်းခေါ်ရန်

فارسی دری (Dari)

توجه اگر به زبان دری صحبت می کنید، خدمات کمک زبانی بصورت رایگان برای شما در دسترس است. تماس با 1-844-359-1607 (TTY: 711).

Kreyòl Ayisyen (Haitian Creole)

ATANSYON: Si ou pale Kreyòl Ayisyen, gen èd nan lang ki disponib gratis pou ou. Rele nimewo 1-844-359-1607 (TTY: 711).

Ikinyarwanda (Kinyarwanda)

ICYITONDERWA: Niba uvuga ikinyarwanda, serivisi z'ubufasha ku byerekeye ururimi, urazihabwa, ku buntu. Hamagara 1-844-359-1607 (ABAFITE UBUMUGA BW'AMATWI BIFASHISHA ICYUMA CYANDIKA -TTY: 711).

Soomaali (Somali)

DIGTOONI: Haddii aad hadasho Soomaali, adeegyada caawimada luqadda, oo bilaasha, ayaad heli kartaa. Wac 1.844-359-1607 (TTY: 711).

اللہجۃ السودانیة (Sudanese)

انتباه: إذا كنت تتحدث اللهجة السودانية، خدمات المساعدة بلغتك متاحة مجاناً. اتصل على الأرقام 1-844-359-1607 (رقم الصم والبكم: 711).

தமிழ் (Tamil)

கவனம்: நீங்கள் தமிழ் பேசினால், உங்களுக்கு இலவசமான மொழி உதவிச் சேவைகள் கிடைக்கின்றன. இந்த எண்ணை அழைக்கவும்: 1-844-359-1607 (TTY: 711).

ትግርኛ (Tigrinya)

ትኹረት: ትግርኛ እንደሕገ ትዛብ ከገን፣ ናይ ቋንቋ ደገፍ ኣልግሎታት፣ ብናጻ ክቕርቡልካ እዮም። ደውል 1.844-359-1607 (TTY: 711)።